



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

Kigali - Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali 02 Ugushyingo 2011

IMBOGAMIZI Z'URUDACA MU MIBURANISHIRIZE Y'URUBANZA RWA VICTOIRE INGABIRE UMUHOZA

Ejo Urukiko rukuru rwa Kigali rwanze icyifuzo cy'abunganina Madame Victoire Ingabire Umuhoza, Umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi ishyaka ritavuga rumwe na leta ya Kigali, cyo guhata ibibazo abo baregwa hamwe rubisabwe n'ubushinjacyaha. Urwo rukiko rwategetse ko hakorwa urutonde rw'ibyo bibazo bigashyikirizwa urukiko narwo rukabishungura mo ibyo rushyikiriza abagomba kubisubiza bakajya kubyigaho bakazatanga ibisubizo bitonze. Uyu munsu avoka Ian Edwards, umwe mu bunganira madame Victoire Ingabire Umuhoza, yashyikirije urukiko urutonde rw'ibyo bibazo ariko yongera gutsindagira impungenge afite ko kuba rwaranze ko abagomba gusubiza ibyo bibazo babisubiza ako kanya ari imbogamizi ikomeye yo kumenya ukuri nyako. Yanenze icyemezo cyo guha umwanya abashinjwa wo kujya gutegura ibisubizo kuko bisa no gushyigikira ko bakomeza gutsimbarara ku binyoma nk'uko byagaragaye mu ivuguruzanya ry'ibyo bagiye batangaza imbere y'urukiko.

Ubushinjacyaha bwahise bufata ijamba buvugako ibyo bibazo birimo imitego bunasaba urukiko ko abagomba kubazwa ibyo bibazo bakwiye no kutabisubiza kuko ngo ari uburenganzira bwabo ngo kuko n'ubwo buryo bwo kubaza ibibazo uregwa butemewe mu Rwanda iki gitekerezo kikaba cyanshimangiwe n'umucamanza ariko ateguka ko bahabwa ibyo bibazo bakajya kubisoma bakiga n'uburyo bagomba kuzabisubiza hagendewe kubyo urukiko ngo ruzaba rwahisemo ko aribyo basubiza.

Avoka Gatera Gashabana yatangajwe n'ukuntu umushinjacyaha afite ubwoba ku bijyanye n'ibazwa ry'abo bagabo mu gihe ubushinjacyaha bwemeza ko abo bantu bahisemo kuvugisha ukuri. "Niba koko barahisemo kuvugisha ukuri nta gahato, impungenge z'ubushinjacyaha zishingiye kuki mu gihe bwemeza ko abo bantu ari abanyakuri"? Yabajije kandi impamvu ubushinjacyaha buhagarara mu mwanya wo gushinja no kunganira bamwe mu bashinjwa bakaba n'abatangabuhamya b'ubushinjacyaha. Ubushinjacyaha bumubwira ko butabereyeho gushinja gusa ko ahubwo bugomba no kurengera bariya bagomba gusubiza ibibazo kuko bo ngo bemeye icyaha. Ibyo ngo bikaba bikorwa mu rwego rwo kubarinda kugwa mu mutego w'abunganira Madame Ingabire.

N'ubwo urukiko rwategetse ko urutonde rw'ibibazo ruhabwa abagomba kubisubiza bakajya kubitegura, ari urukiko, ari ubushinjacyaha ndetse n'abunganira abagomba gusubiza ibyo bibazo nta

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

n'umwe wabashije kwerekana itegeko rivuga ko ubazwa agomba guhabwa ibibazo akajya kubitegura akazabona kubisubiza. Ian Edwards yabajije impamvu ababazwa batagomba gusubiza ako kanya mu gihe bavuga ko nta bwoba bafite bwo gusubiza, anabaza kandi impamvu babuzwa n'ubushinjacyaha kuba basubiza kubyo bafitiye ibisubizo ako kanya noneho ibyo batashobora guhita basubiza bikaba ari byo urukiko rubahera umwanya wo kubanza kubitegura.

Mu gusubiza icyo kibazo umucamanza yavuze ko ibyo abunganira Madame Ingabire Umuhoza Victoire basaba bidashoboka ko ari narwo ruzagena ibikwiye gusubizwa n'abo byabajijwe kuko ngo ubwo buryo bwo kubaza butemewe mu Rwanda, ko niba hari icyo batasobanukiweho ari cyo cyonyine bafitiye uburenganzira bwo kubaza. Iyo ngo ikaba ari nayo mpamvu urukiko ari rwo ruzahitamo ibibazo bigomba gusubizwa.

Dukurikije imyifatire y'ubucamanza n'ubushinjacyaha mu migendekere y'uru rubanza biragoye cyane kwemeza ko Madame Ingabire Umuhoza Victoire azabona ubutabera buciye mu mucyo.

FDU-Inkingi

Twagirimana Boniface

Umuyobozi wungirije w'agateganyo